

| | | |
|---|--|---|
| <p>ITEKA RYA MINISITIRI N°002/MINIRENA/2015 RYO KUWA 24/04/2015 RIGENA IBIGENDERWAHO MU GUSHYIRA MU BYICIRO NO KWEMEZA UBWOKO BWA MINE</p> | <p>MINISTERIAL N°002/MINIRENA/2015 OF 24/04/2015 ON CRITERIA USED IN CATEGORISATION OF MINES AND DETERMINING TYPES OF MINES</p> | <p>ORDER ARRETE N°002/MINIRENA/2015 DU 24/04/2015 PORTANT CRITERES DE CATEGORISATION DES MINES ET DE DETERMINATION DES TYPES DES MINES</p> |
|---|--|---|

ISHAKIRO

TABLE OF CONTENTS

TABLE DES MATIERES

| | | |
|---|---|---|
| <p><u>UMUTWE WA MBERE:</u> INGINGO RUSANGE</p> <p><u>Ingingo ya mbere:</u> Icyo iri teka rigamije</p> <p><u>UMUTWE WA II:</u> IBIGENDERWAHO MU GUSHYIRA MINE MU BYICIRO</p> <p><u>Icyiro cya mbere:</u> Ibigenderwaho mu kugena mine iciriritse</p> <p><u>Ingingo ya 2:</u> Ikigereranyo cy'ingano y'amabuye y'agaciro mu ndiri</p> <p><u>Ingingo ya 3:</u> Ikigereranyo cy'umusaruro</p> <p><u>Ingingo ya 4:</u> Ubuhanga n'ubushobozi bwa tekiniki</p> <p><u>Ingingo ya 5:</u> Ingano y'igishoro</p> <p><u>Icyiro cya 2:</u> Ibigenderwaho mu kugena mine nto</p> <p><u>Ingingo ya 6:</u> Ikigereranyo cy'ingano y'amabuye y'agaciro mu ndiri</p> | <p><u>CHAPTER ONE:</u> GENERAL PROVISIONS</p> <p><u>Article One:</u> Purpose of this Order</p> <p><u>CHAPTER II:</u> CRITERIA USED IN CATEGORISATION OF MINES</p> <p><u>Section One:</u> Criteria used in determining an artisanal mine</p> <p><u>Article 2:</u> Estimated quantity of mineral reserves</p> <p><u>Article 3:</u> Production estimates</p> <p><u>Article 4:</u> Technical know-how and competence</p> <p><u>Article 5:</u> Amount of capital investment</p> <p><u>Section 2:</u> Criteria used in determining a small-scale mine</p> <p><u>Article 6:</u> Estimated quantity of mineral reserves</p> | <p><u>CHAPITRE PREMIER:</u> DISPOSITIONS GENERALES</p> <p><u>Article premier:</u> Objet du présent arrêté</p> <p><u>CHAPITRE II:</u> CRITERES DE CATEGORISATION DES MINES</p> <p><u>Section première:</u> Critères de détermination d'une mine artisanale</p> <p><u>Article 2:</u> Estimation de la quantité des réserves minérales</p> <p><u>Article 3:</u> Estimation de la production</p> <p><u>Article 4:</u> Expertise et capacité technique</p> <p><u>Article 5:</u> Montant du capital d'investissement</p> <p><u>Section 2:</u> Critères de détermination d'une mine à petite échelle</p> <p><u>Article 6:</u> Estimation de la quantité des réserves minérales</p> |
|---|---|---|

| | | |
|--|--|--|
| <u>Ingingo ya 7:</u> Ikigereranyo cy’umusaruro | <u>Article 7:</u> Production estimates | <u>Article 7:</u> Estimation de la production |
| <u>Ingingo ya 8:</u> Ubuhanga n’ubushobozi bwa tekiniiki | <u>Article 8:</u> Technical know-how and competence | <u>Article 8:</u> Expertise et capacité technique |
| <u>Ingingo ya 9:</u> Ingano y’igishoro | <u>Article 9:</u> Amount of investment capital | <u>Article 9:</u> Montant du capital |
| <u>Icyiciro cya 3:</u> Ibigenderwaho mu kugena mine nini | <u>Section 3:</u> Criteria used in determining a large-scale mine | <u>Section 3:</u> Critères de détermination d’une mine à grande échelle |
| <u>Ingingo ya 10:</u> Ikigereranyo cy’ingano y’amabuye y’agaciro mu ndiri | <u>Article 10:</u> Estimated quantity of mineral reserves | <u>Article 10:</u> Estimation de la quantité des réserves minérales |
| <u>Ingingo ya 11:</u> Ikigereranyo cy’umusaruro | <u>Article 11:</u> Production estimate | <u>Article 11:</u> Estimation de la production |
| <u>Ingingo ya 12:</u> Ubuhanga n’ubushobozi bwa tekiniiki | <u>Article 12:</u> Technical know-how and competence | <u>Article 12:</u> Expertise et capacité technique |
| <u>Ingingo ya 13:</u> Ingano y’igishoro | <u>Article 13:</u> Amount of investment capital | <u>Article 13:</u> Montant du capital |
| UMUTWE WA III: INGINGO ZINYURANYE, IZ’INZUBACYUHO N’IZISOZA | CHAPTER III: MISCELLANEOUS, TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS | CHAPITRE III: DISPOSITIONS DIVERSES, TRANSITOIRES ET FINALES |
| <u>Ingingo ya 14 :</u> Guhindura ibyiciro bya mine | <u>Article 14:</u> Change of the category of mines | <u>Article 14 :</u> Modification de la catégorie des mines |
| <u>Ingingo ya 15:</u> Ingingo y’inziacyuho | <u>Article 15:</u> Transitional provision | <u>Article 15:</u> Disposition transitoire |
| <u>Ingingoya 16:</u> Ivanwaho ry’ingano zinyuranyije n’iri teka | <u>Article 16:</u> Repealing provision | <u>Article 16:</u> Disposition abrogatoire |
| <u>Ingingo ya 17:</u> Igihe iteka ritangira gukurikirizwa | <u>Article 17:</u> Commencement | <u>Article 17:</u> Entrée en vigueur |

**ITEKA RYA MINISITIRI
N°002/MINIRENA/2015 RYO KUWA
24/04/2015 RIGENA IBIGENDERWAHO MU
GUSHYIRA MU BYICIRO NO KWEMEZA
UBWOKO BWA MINE**

**MINISTERIAL ORDER
N°002/MINIRENA/2015 OF 24/04/2015 ON
CRITERIA USED IN CATEGORISATION
OF MINES AND DETERMINING TYPES
OF MINES**

**ARRETE MINISTERIEL
N°002/MINIRENA/2015 DU 24/04/2015
PORTANT CRITERES DE CATEGORISATION
DES MINES ET DE DETERMINATION DES
TYPES DES MINES**

**Umunyamabanga wa Leta ushinzwe
Ubucukuzi bw'Amabuye y'Agaciro;**

The Minister of State in Charge of Mining;

Le Secrétaire d'Etat chargé des Mines;

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 04 Kamena 2003, nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo; iya 120, iya 121 n'iya 201;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003 as amended to date, especially in Articles 120, 121 and 201;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003 telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 120, 121 et 201;

Ashingiye ku Itegeko n° 13/2014 ryo ku wa 20/05/2014 rigenga ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro na kariyeri cyane cyane mu ngingo ya 4;

Pursuant to the Law n° 13/2014 of 20/05/2014 on mining and quarry operations, especially in Article 4;

Vu la Loi n° 13/2014 du 20/05/2014 portant exploitation des mines et carrières, spécialement en son article 4;

Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 13/02/2015 imaze kubisuzuma no kubyemeza;

After consideration and approval by the Cabinet in its session of 13/02/2015;

Après examen et adoption par le Conseil des Ministres, en sa séance du 13/02/2015 ;

ATEGETSE:

HEREBY ORDERS:

ARRETE:

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO
RUSANGE**

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS
GENERALES**

Ingingo yambere: icyo iri teka rigamije

Article One: Purpose of this Order

Article premier: Objet du présent arrêté

Iri teka riteganywa ibigenderwaho mu gushyira mu byiciro no kwemeza ubwoko bwa mine.

This Order determines the criteria used in categorization of mines and determining type of mines.

Le présent arrêté détermine les critères de catégorisation des mines et de détermination des types des mines.

UMUTWE WA II: IBIGENDERWAHO MU GUSHYIRA MINE MU BYICIRO

CHAPTER II: CRITERIA USED IN CATEGORIZATION OF MINES

CHAPITRE II: CRITERES DE CATEGORISATION DES MINES

Icyiciro cya mbere: Ibigenderwaho mu kugena mine iciriritse

Section One: Criteria used in determining an artisanal mine

Section première: Critères de détermination d'une mine artisanale

Ingingo ya 2: Ikigereranyo cy'ingano y'amabuye y'agaciro mu ndiri

Article 2: Estimated quantity of mineral reserves

Article 2: Estimation de la quantité des réserves minérales

Ikigereranyo cy'ingano y'amabuye y'agaciro mu ndiri ya mine iciriritse kigomba kuba nibura kingana na toni mirongo itatu (30t). Icyo kigereranyo kigaragazwa na raporo y'ubushakashatsi.

The estimated quantity of mineral reserves in an artisanal mine must be at least thirty (30t) tonnes. This estimated quantity shall be determined by the exploration report.

La quantité des réserves minérales estimées dans une mine artisanale doit être au minimum trente tonnes (30t). Cette estimation ressort du rapport d'exploration.

Ingingo ya 3: Ikigereranyo cy'umusaruro

Article 3: Production estimates

Article 3: Estimation de la production

Mine iciriritse igomba kugira ikigereranyo cy'umusaruro w'amabuye y'agaciro kingana no kuva kuri kimwe cya kabiri cya toni (½t) kugeza kuri toni eshatu (3t) mu kwezi. Icyo Ikigereranyo kigaragazwa na raporo y'ubushakashatsi cyangwa raporo z'umusaruro iyo ari mine yigeze gucukurwa.

An artisanal mine must have an estimated production of minerals from a half tonne (½ t) to three tonnes (3t) a month. This estimated production shall be determined by the exploration report or the production reports if the site used to be mined.

L'estimation de la production pour une mine artisanale doit être d'une demie-tonne (½t) jusqu'à trois tonnes (3t) par mois. Cette estimation ressort du rapport d'exploration ou des rapports de production pour une mine préalablement exploitée.

Ingingo ya 4: Ubuhanga n'ubushobozi bwa tekiniki

Article 4: Technical know-how and competence

Article 4: Expertise et capacité technique

Muri mine iciriritse hakorehwa ibikoresho by'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro, ubuhanga na tekiniki bibungabunga ubuzima, umutekano w'abantu n'ibidukikije.

An artisanal mine shall use mining equipment and techniques which preserve health, security of people and environment.

Dans une mine artisanale, les matériels d'extraction des minerais, l'expertise requise et la capacité technique utilisée respectent les normes de santé, de sécurité des personnes ainsi que de l'environnement.

Muri mine iciriritse, ntibyemewe kurenza metero mirongo ine (40 m) z'ubujyakuzimu, keretse bitangiwe uruhushya n'Ikigo cy'Igihugu gifite ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro mu nshingano zacyo.

Ubuajakuzimu bubarwa hagati y'ubutaka bw'imusozi n'indiba y'umwobo wacukuwe. Intera ibarwa mu bujyejuru ntabwo ibarwa mu butambike.

Ingingo ya 5: Ingano y'igishoro

Ingano y'igishoro muri mine iciriritse igomba nibura kuba ifite agaciro kangana na miriyoni mirongo irindwi z'amafaranga y'u Rwanda (70,000,000 Frw). Ayo mafaranga agomba gushorwa mu gihe kitarenze imyaka itanu (5).

Icyiciro cya 2: Ibigenderwaho mu kugena mine nto

Ingingo ya 6: Ikigereranyo cy'ingano y'amabuye y'agaciro mu ndiri

Ikigereranyo cy'ingano y'amabuye y'agaciro mu ndiri ya mine nto kigomba kuba nibura kingana na toni magana abiri (200t). icyo kigereranyo kigaragazwa na raporo y'ubushakashatsi.

Ingingo ya 7: Ikigereranyo cy'umugaruro

Mine nto igomba kugira ikigereranyo cy'umugaruro w'amabuye y'agaciro kingana

In artisanal mine, it is not allowed to go farther than forty meters (40 m) in depth unless permitted by the Institution in charge of mining.

The depth shall be calculated between the surface of the site and the bottom of the pit. The distance shall be calculated vertically and not on a horizontal basis.

Article 5: Amount of capital investment

The amount of capital invested in an artisanal mine must be at least seventy million Rwandan francs (70.000.000 Rwf). This capital must be invested within a period not exceeding five (5) years.

Section 2: Criteria used in determining a small-scale mine

Article 6: Estimated quantity of mineral reserves

The estimated quantity of mineral reserves in a small-scale mine must be at least two hundred tonnes (200t). This estimated quantity shall be determined by the exploration report.

Article 7: Production estimates

A small-scale mine must have an estimated production of minerals of at least three tonnes

Dans une mine artisanale, il n'est pas permis d'aller au delà de quarante mètres (40 m) de profondeur sauf sur autorisation de l'Institution ayant les opérations minières dans ses attributions.

La profondeur est calculée entre la surface du site et le fond du puits. La distance est calculée dans le sens vertical et non horizontal.

Article 5: Montant du capital

Le capital d'investissement dans une mine artisanale doit être de soixante-dix millions de francs Rwandais (70.000.000 frw) au moins. Ce capital doit être investi endéans une période de cinq (5) ans au moins.

Section 2: Critères de détermination d'une mine à petite échelle

Article 6: Estimation de la quantité des réserves minérales

La quantité des réserves minérales estimées dans une mine à petite échelle doit être au minimum deux cent tonnes (200t). Cette estimation ressort du rapport d'exploration.

Article 7: Estimation de la production

L'estimation de la production pour une mine à petite échelle doit être de trois tonnes (3t) par mois au

nibura na toni eshatu (3t) mu kwezi. icyo kigereranyo kigaragazwa na raporo y'ubushakashatsi cyangwa raporo z'umusaruro iyo ari mine yigeze gucukurwa.

Ingingo ya 8: Ubuhanga n'ubushobozi bwa tekini

Muri mine nto hakoreshwa ibikoresho by'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro byabugenewe birimo imashini zicukura n'iziyungurura n'abakozi babifitiye ubumenyi n'ubushobozi.

Ingingo ya 9: Ingano y'igishoro

Ingano y'igishoro muri mine nto igomba kuba nibura ifite agaciro kangana na miriyoni magana arindwi z'amafaranga y'u Rwanda (700,000,000 Frw). Ayo mafaranga agomba gushorwa mu gihe kitarenze imyaka itanu (5).

Icyiciro cya 3: Ibigenderwaho mu kugena mine nini

Ingingo ya 10: Ikigereranyo cy'ingano y'amabuye y'agaciro mu ndiri

Ikigereranyo cy'ingano y'amabuye y'agaciro mu ndiri ya mine nini igomba kuba nibura kingana na toni ibihumbi bitatu (3,000t). icyo kigereranyo kigaragazwa na raporo y'ubushakashatsi.

(3t) per month. This estimated production shall be determined by the exploration report or the production reports if the site used to be mined.

Article 8: Technical know-how and skills

A small-scale mine shall use mining equipment including extracting and processing machines as well as skilled personnel with technical know-how.

Article 9: Amount of investment capital

The amount of capital invested in a small-scale mine must be at least seven hundred million Rwandan francs (Rwf 700.000.000). This capital must be invested within a period not exceeding five (5) years.

Section 3: Criteria used in determining a large-scale mine

Article 10: Estimated quantity of mineral reserves

The estimated quantity of mineral reserves in a large-scale mine shall be at least three thousand tonnes (3,000t). This estimated quantity shall be determined by the exploration report.

moins. Cette estimation ressort du rapport d'exploration ou des rapports de production pour une mine préalablement exploitée.

Article 8: Expertise et capacité technique

L'exploitation minière à petite échelle utilise des machines minières, y compris celles d'extraction, de traitement ainsi qu'un personnel qualifié et expérimenté avec le savoir faire technique.

Article 9: Montant du capital

Le capital d'investissement dans une mine à petite échelle doit être de sept cents millions de francs Rwandais (700.000.000 frw) au moins. Ce capital doit être investi endéans une période de cinq (5) au moins.

Section 3: Critères de détermination d'une mine à grande échelle

Article 10: Estimation de la quantité des réserves minérales

La quantité des réserves minérales estimées dans une mine à grande échelle doit être au minimum trois mille tonnes (3.000t). Cette estimation ressort du rapport d'exploration.

Ingingo ya 11: Ikigereranyo cy'umusaruro

Mine nini igomba kugira ikigereranyo cy'umusaruro w'amabuye y'agaciro kingana nibura na toni cumi n'eshanu (15 t) mu kwezi. Icyo kigereranyo kigaragazwa na raporo y'ubushakashatsi cyangwa raporo z'umusaruro iyo ari mine yigeze gucukurwa.

Ingingo ya 12: Ubuhanga n'ubushobozi bwa tekiniki

Muri mine nini hakoreshwa imashini z'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro zo mu rwego ruhanitse. Iyo igomba kugira uruganda rutunganya amabuye y'agaciro.

Mine nini kandi igomba gukoresha tekiniki zihanitse mu bucukuzi bw'amabuye y'agaciro n'abakozi b'impuguke mu bucukuzi bw'amabuye y'agaciro.

Ingingo ya 13: Ingano y'igishoro

Ingano y'igishoro muri mine nini igomba kuba nibura ifite agaciro kangana na miriyari eshatu na miriyoni magana atanu z'amafaranga y'u Rwanda (3.500.000.000 Frw). Ayo mafaranga agomba gushorwa nibura mu gihe kitarenze imyaka itanu (5).

Article 11: Production estimate

A large-scale mine must have an estimated production of minerals of at least fifteen (15t) tonnes per month. This estimated production shall be determined by the exploration report or the production reports if the site used to be mined.

Article 12: Technical know-how and competence

A large-scale mine shall use high level mining machinery. This mine must be equipped with a mineral processing plant.

A large scale mine must also use high level techniques and expert personnel in mining operations.

Article 13: Amount of capital investment capital

The amount of capital invested in a large-scale mine must be at least three billion five hundred million Rwandan Francs (Rwf 3. 500. 000.000). This capital must be invested within a period not exceeding five (5) years.

Article 11: Estimation de la production

L'estimation de la production pour une mine à grande échelle doit être de quinze tonnes (15t) par mois au moins. Cette estimation ressort du rapport d'exploration ou des rapports de production pour une mine préalablement exploitée.

Article 12: Expertise et capacité technique

L'exploitation minière à grande échelle utilise entre autres des machines de production minière. Cette mine doit être dotée d'une usine de traitement des minerais.

L'exploitation minière à grande échelle doit recourir également à des techniques d'exploitation de haut niveau ainsi qu'à un personnel qualifié et expérimenté dans les opérations minières.

Article 13: Montant du capital

Le capital d'investissement dans une mine à grande échelle doit être de trois milliards cinq cents millions de francs Rwandais (3.500.000.000 frw) au moins. Ce capital doit être investi endéans une période de cinq ans au minimum.

UMUTWE WA III: INGINGO ZINYURANYE, IZ'INZUBACYUHO N'IZISOZA

CHAPTER III: MISCELLANEOUS, TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS

CHAPITRE III: DISPOSITIONS DIVERSES, TRANSITOIRES ET FINALES

Ingingo ya 14: Guhindura ibyiciro bya mine

Minisitiri ufite ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro mu nshingano ze ashobora gushyira mine mu cyiciro gitandukanye n'icyo yari isanzwemo hashingiwe ku biteganywa n'iri teka, ku mpamvu z'inyungu rusange.

Article 14: Change of the category of mines

The Minister in charge of mining may classify a mine in another category different from the one it belonged to in accordance with provisions of this Order, for public interest.

Article 14: Modification de la catégorie des mines

Le Ministre ayant les mines dans ses attributions peut classer une mine dans une catégorie autre que celle dans laquelle elle était classée conformément aux dispositions du présent arrêté, pour des raisons d'intérêt public.

Ingingo ya 15: Ingingo y'inzibacyuho

Umuntu wese usanzwe afite uruhushya rwo gucukura amabuye y'agaciro rutararangira ashobora gusaba mu nyandiko Minisitiri ufite ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro mu nshingano ze gushyira mine acukura muri kimwe mu byiciro bivugwa muri iri teka hakurikijwe ibiteganywa n'iri teka.

Article 15: Transitional provision

Any holder of a valid mining license may, in writing, request the Minister in charge of mining to classify his/her mining operations in one of the categories mentioned in this Order in accordance with the requirements of this Order.

Article 15 : Disposition transitoire

Le titulaire du permis d'exploitation minière encore valide peut, par écrit, adresser au Ministre ayant les mines dans ses attributions une demande de classification de la mine qu'il exploite dans l'une des catégories conformément aux exigences du présent arrêté.

Usaba gushyira mine mu cyiciro agomba kugaragaza ko yujuje ibiteganywa kuri icyo cyiciro.

An applicant for categorization of the mines must demonstrate that he/she meets the requirements for the category.

Le demandeur de classement d'une mine dans une catégorie doit démontrer qu'il remplit les exigences prescrites pour cette catégorie.

Ingingoya 16: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka

Ingingo zose z'amateka abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo zivanweho.

Article 16: Repealing provision

All prior provisions contrary to this Order are hereby repealed.

Article 16: Disposition abrogatoire

Toutes les dispositions antérieures contraires au présent arrêté sont abrogées.

Official Gazette n° 19 of 11 May 2015

Ingingo ya 17: Igihe iteka ritangira gukurikirizwa

Iri teka ritangira gukurikizwa ku muni ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, ku wa 24/04/2015

(sé)

IMENA Evode

Umunyamabanga wa Leta ushinze Ubucukuzi bw'Amabuye y'Agaciro

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:

(sé)

BUSINGYE Johnston

Minisitiri w'ubutabera/ Intumwa Nkuru Leta

Article 17: Commencement

This Order shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, on 24/04/2015

(sé)

IMENA Evode

Minister of State in Charge of Mining

Seen and sealed with the Seal of the Republic:

(sé)

BUSINGYE Johnston

Minister of Justice/ Attorney General

Article 17: Entrée en vigueur

Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le 24/04/2015

(sé)

IMENA Evode

Secrétaire d'Etat chargé des Mines

Vu et scellé du Sceau de la République:

(sé)

BUSINGYE Johnston

Ministre de la Justice/Garde des Sceaux